UMUHANGO WO GUTAHA KU MUGARAGARO COMPLEXE DES SERVICES DIOCESAIN SAINT ALOYS NYUNDO

Uyu munsi ku wa mbere tariki ya 18 Werurwe 2019, guhera i saa saba z'amanywa, nibwo Umwepiskopi yahaye umugisha inyubako nshya z'ahahoze Economat Diocésain de Nyundo ; ubu hakaba hazwi ku izina rya: **«Complexe des Services diocésain Saint Aloys-Nyundo»**. Nyuma yo kuzivugurura ku buryo buboneye ijisho kandi bubereye abazahakorera bose, Umwepiskopi yifuje ko Services et Commisions Diocésaines zikorera hamwe zegeranye mu buryo bwo gushyira imbaraga hamwe ziteza imbere Diyosezi yacu mu ngeri zinyuranye mu butumwa ifite.

Mbere yo gufungura ku mugaragaro izi nyubako Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yabanje kugira icyo abwira abakozi bose bazahakorera n'abandi bose bari baje kwifatanya nawe muri uwo muhango. «Bavandimwe, ibyo Imana yaremye byose yasangaga ari byiza. Imaze kurema muntu imuha ububasha ngo agenge isi kandi ayigire nziza. Ni mucyo twambaze Nyagasani ngo ahe umugisha imirimo yamaboko yacu, kugira ngo ibizakorerwa hano byose bizabe ibigamije umukiro w'abantu n'ikuzo ry'Imana. Imana yahaye abantu ingabire zayo zigaragaza ku buryo bwinshi, none tugiye guha umugisha izi nyubako tuzakoreramo imirimo inyuranye ya Diyosezi yacu. Dusabe Imana ngo abazabyubaha bose bagakora ugushaka kw'Imana bifashishije izi nyubako tugiye guha umugisha,

imirimo yabo izabatere imbaraga zo kubera Kristu na Kiliziya ingirakamaro mu murimo bafite wo guhuza abantu n’Imana. Shapeli turaza guha umugisha izabe ikimenyetso kizima kigaragaza Imana rwagati mu mirimo yacu dukora ya buri munsi. Dusabe Imana kandi ngo ibyo dukora byose bijye biyiturukaho kandi biyiganeho.»

Cour intérieur et Parking

Umuhango wo gufungura ku mugaragaro izi nyubako, Umwepiskopi yafatanyije na Musenyeri Jean Marie Vianney NSENGUMUREMYI, Vicaire général na Padiri MALIYAMUNGU J. Népomuscène, Econome diocésain. Uyu muhango kandi wari urimo Abasaseridoti n'abalayiki banyuranye.

Nyuma yo gutera amzi y'umugisha inyubako zose, Umwepiskopi yahaye umugisha imirimo yose izahakorerwa n'abazayikora bose, muri aya magambo:

Nyagasani Dawe Nyirubutagatifu
Ni wowe waremye ijuru n'isi
Ubigira Ingoro y'ikuzo ryawe;
Nyagasani , twebwe umuryango wawe
Tugusabye twiyoroheje ngo usesekaze umugisha wawe
Kuri izi nyubako zigenewe guhuza imirimo ya Diyosezi yacu ya Nyundo zubatswe n'amaboko y'abana bawe;
None iyi Complexe des Services Diocésain ikaba iragijwe **SAINT ALOYS.**
Tugutuye kandi Nyagasani iyi Shapeli iragijwe **SAINT WENCESLAS;**
Nitubere inzu y'umukiro
N'urubuga turonkeramo amasakaramentu matagatifu,
Izajye yamamarizwamo Inkuru Nziza y'amahoro,
Ikorerwemo imihango mitagatifu
Abayoboke bawe barerwe n'Ijambo ryawe ribeshaho,
Rimurikire imibereho yabo ya buri munsi.
Iyi Complexe, nitubere ihuriro ry'imirimo igenewe guteza imbere Kiliziya yawe,
Maze uko imirimo yacu ijya mbere, n'abazahakorera bose bazabere Kiliziya umutako uyinogeye.
Bityo ukwemera kwabo kugaragarire mu bikorwa byabo.
Koko Ubukristu butubyarire ubuvandimwe nyabwo.
Tubigusabye ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.

Nyuma yo gusiga amavuta matagatifu no kwegurira Imana Alitari Ntagatifu mu Isengesho rya bugenewe, Umwepiskopi yashimiye abaje kwifatanya na we muri uwo muhango, yifuriza buri wese imirimo myiza. Hakurikiyeho gusangira ikirahuri cy'ibyishimo kubari aho bose.

Umwepiskpi yavuze isengesho risoza imihango, hanyuma aduha umugisha:

Nyagasani Mana yacu turakwinginze sesekaza umugisha wawe
Kuri iyi Complexe des Services Diocésain Saint Aloys Nyundo washatse ko ihuriza hamwe imirimo ya Diyosezi yacu ya Nyundo.
Turakwinginze ngo abayoboke bawe bose bazahahurira

Kugira ngo bakore imirimo iteze imbere Diyosezi yacu, kuburyo bwuzuzanya, bazumve ko bunze ubumwe kandi ko bari kumwe
Na Kristu wasezeranye kuzaba hagati y'abazibumbira hamwe mu izina rye. We mubana mugategekana mu bumwe bwa Roho Mutagatifu, akaba Imana iteka ryose.
Amen.

Amahoro ya Kristu nasakare mu mitima yanyu; Ijambo rya Kristu ribaturemo ibyo mukora n'ibyo muvuga byose bizabereho ikuzo ry'Imana n'Umukiro w'abantu. Tubisabye mu izina rya Nyagasani Yezu Kristu Umwami wacu. Amen.

Padiri KWIZERA Jean Marie